



## CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA

Secrétariat Général

B.P. 357 Kigali / Rwanda

Tél. : (+250) 789 55 08 48

E-mail : [eglisecatholiquerwanda@gmail.com](mailto:eglisecatholiquerwanda@gmail.com)

### ITANGAZO RISOZA IMIRIMO Y'INTEKO RUSANGE Y'INAMA Y'ABEPISKOPI

GATOLIKA MU RWANDA YATERANIYE I KIGALI

KUVA KU ITARIKI 17 KUGEZA KU YA 20 UKUBOZA 2024

Guhera tariki ya 17 kugera ku ya 20 Ukuboza 2024, Inteko Rusange y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yateraniye i Kigali. Imirimo y'Inteko rusange y'172 yayobowe na Nyiricyubahiro Antoni Karidinali KAMBANDA, Arikiyepiskopi wa Kigali, akaba na Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda. Inama yabimbuwe n'isengesho saa yine n'iminota cumi n'itanu. Abepiskopi b'amadiyosezi icyenda bitabiriye inama bose, n'abepiskopi batandatu bari mu kiruhuko baje mu itangizwa ry'inama.

Umuhango wo gutangiza imirimo y'iyi Nteko Rusange witabiriwe kandi na Nyiricyubahiro Musenyeri Arnaldo CATALAN, Intumwa ya Papa mu Rwanda, aherekejwe na Padiri Tomasz GDULA umunyamabanga mu biro by'Intumwa ya Papa mu Rwanda.

Mu ijambu ryo gutangiza imirimo y'iyi Nteko, Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yashimiye abepiskopi abaha ikaze, ababwira gahunda y'inama abifuriza kuzagira imirimo myiza. Yashimiye Musenyeri Arnaldo Catalan waje mu nama ari kumwe na Padiri Tomasz GDULA, umunyamabanga we. Yahaye ikaze ku buryo bw'umwihariko abepiskopi bari mu kiruhuko cy'izabukuru bari baje mu rwego rwo kwifurizanya n'abandi Bepiskopi iminsi mikuru ya Noheli n'Ubunani. Yongeye kandi guha ikaze Musenyeri Jean Bosco NTAGUNGIRA, uheruka guhabwa ubwepiskopi ku ya 5/10/2024 i Butare, akaba yaraje mu nama bwa mbere nk'umwepiskopi wabuhawwe. Yibukije kandi ko inama yo mu Ukuboza isuzuma ibirebana n'Ikenurabushyo muri rusange, ikareba ibibazo bihari n'ahakenewe kongera imbaraga. Yashoje ijambu atangaza ku mugaragaro ko inama itangiye, aha ijambu Intumwa ya Papa mu Rwanda.

Intumwa ya Papa, mu ijambu rye, yabwiye Abepiskopi ko Sinodi yashoje imirimo yayo, imyanzuro ikaba iri ku rubuga rwa Sinodi, [www.synod.va](http://www.synod.va). Yavuze ko Sinodi itarangiye ahubwo ko urugendo rukomereza mu gushyira mu bikorwa ibyaganiriweho muri Sinodi, hagendewe ku mategeko ya Kiliziya. Mu yandi makuru ya Kiliziya ku isi, Karidinali KAMBANDA, Umuyobozi w'Inama na we yagejeje ku bandi Bepiskopi inama yagiyemo i Lourdes atumiwe n'Inama y'Abepiskopi b'Ubfafarsa. Yitabiriye kandi umuhango wo gushyiraho Abakaridinali bashya 21 i Vatikani(consistoire). Yagiye no mu nama y'Ibiro bya Papa bishinzwe iyogezabutumwa ku isi no mu nama y'ibiro bya Papa bishinzwe

uburezi n'umuco. Yabamenyesheje kandi ko hari amabwiriza ajyana n'abapadiri n'abakristu bava mu bihugu byabo bakajya mu bindi ariko basite imihimbarize ya liturjiya itari iya Kilizya Gatolika ya Roma, abo rero mbere yo kwinjira muri liturjiya no kuyihimbaza basabwa kubisabira uruhushya ku Mwepiskopi w'aho bari.

Umuyobozi w'Inteko Rusange y'Abepiskopi mu Rwanda yamurikiye kandi Bagenzi be gahunda yose uko yakabaye bityo basatanya kuyemeza, bamaze kuyikorera ubugororango. Abepiskopi bakurikijeho gusangira iby'ingenzi byaranze ubutumwa muri buri diyosezi hagati ya Nzeri n'Ukuba 2024. Musenyeri Vincent Harolimana yagejeje ku bandi Bepiskopi ibijyanye n'inama iheruka yari igamije gushaka amahoro mu karere k'Ibiyaga bigari. Yavuze ko muri iyo nama yabereye i Bujumbura mu gihugu cy'Uburundi, we n'abo bari kumwe babonanye na Visi Perezida wa Repubulika wari uhagarariye Umukuru w'Igihugu cy'Uburundi, bakaba baraganiriye ku mutekano muke uri mu karere, cyane cyane mu burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo no ku ifungwa ry'umupaka hagati y'u Rwanda n'Uburundi. Icyifuzo cy'abari muri iyo nama ya Bujumbura ni ukubonana n'abafite ijambo mu mishyikirano ya Luanda, kugirango hamenyekane neza inzitizi zibuza amahoro kugaruka.

Imrimo y'iyi Nteko rusange yasuzumye ibiri ku murongo w'ibyigwa ingingo ku yindi:

## **1. Yubile y'impurirane**

Abepiskopi bishimiye uko Yubile yabereye i Butare yagenze, bashimira ibitangazamakuru bya Kilizya Gatolika uburyo byayimenyekanishije, bashimiye abakristu n'urubyiruko muri rusange uburyo Ikoraniro ry'Ukaristiya ryagenze. Abepiskopi bashimye Diyosezi zose uko ziteguye kandi zigafasha abateguye Yubile n'Ikoraniro ry'Ukaristiya. Abepiskopi bongeye gusaba abategura ihimbazwa rya yubile gukomeza kubikora neza kandi bagakorana n'ibitangazamakuru gatolika mu Rwanda no hanze y'u Rwanda. Yubile itaha izabera i Kibeho, izaba ari Yubile y'Abana ku itariki 27/12/2024. Yubile ni iy'abana bari mu miryango itandukanye. Misa izatangira saa tanu za mu gitondo. Yubile yo kwiyegurira Imana nayo izabera i Kibeho ku itariki ya 2/2/2025. Hifujwe kandi ko ubutumire bwo gusoza Yubile, ku baturuka kure nk'i Roma, bwakoherezwa mu kwezi kwa mbere.

## **2. Sinodi ku kugendera hamwe**

Musenyeri Eduwaridi Sinayobye, Umwepiskopi wa Cyangugu, wahagarariye Abepiskopi b'u Rwanda muri sinodi yafashe umwanya urambuye abwira Abepiskopi ibyaranze iyo sinodi. Mu matsinda ya sinodi, ingingo yose yagombaga kwigwaho yarasomwaga, buri wese akayandika, akayitangaho igitekerezo. Hagakurikiraho kuyisangira mu isengesho nta gutsimbarara ku gitekerezo cyawe bwite, ukareka abandi akaba aribo bakivugaho, hagashakirwa hamwe ukuri kugikubiyemo. Hanyuma bakaza gushishoza no guhuriza hamwe imyanzuro, bamurikiwe na Roho Mutagatifu baba babanje kwiyambaza mu isengesho. Iyi sinodi yatumye hibazwa ibibazo ariko kandi ituma hashakwa n'ibisubizo.

Ibibazo biterwa n'imbuga nkoranyambaga n'itangazamakuru bizabonera ibisubizo mu kubyifashisha neza, bikaba igikoresho cy'iyogezabutumwa ryubaka kandi rikiza roho z'abantu. Ikenurabushyo rigomba guhuza bose ritagize uwo riheza. Kugendera hamwe bisaba gushyira hamwe no kuganira



bamurikiwe na Roho Mutagatifu (conversation dans l'Esprit). Bisaba kandi kumenya gutega amatwi, ukumva ibyo uwundi asite ku mutima na we akumva ko umwumvise. Kugendera hamwe kandi ni ukunga ubumwe kw'Abepisikopi na buri Mwepisikopi akunga ubumwe n'abo yaragijwe. Byose bikaba mu kuri no mu guharanira icyiza. Buri wese akumva abandi ariko akanabasobanurira ibijyanye n'inshingano ze.

### **3. Ikenurabushyo ry'umuryango**

Abepiskopi baganiriye ku bibazo bishamikiye ku kuringaniza urubyaro, bikaba bikurura ibyaha bikomeye birimo gukuramo inda n'ibindi byorohereza inzira z'ubusambanyi no gutwarwa n'irari ry'umubiri. Hari kandi n'imishinga y'amategeko: gutwitira abandi no gukoresha imiti ibuza urubyaro ku bana bari munsi y'imyaka cumi n'umunani. Ibyo ni ibibazo bihangayikishije kuko bihitana ubuzima bw'inzirakarengane, bikangiza ubuzima bw'umubiri n'ubwa roho, ku buryo hakwiye ijwi ribatabariza. Bifuje ko mu rwego rwo kurengera ubuzima haba ibiganiro kuri *Evangelium Vitae*, Inyandiko ya Papa Yohani Paulo wa 2 ku kurengera ubuzima yasohotse mu w'1995 hakaba hashize imyaka 30. Hakwiye kandi no kongera inyigisho zitsindagira ko umuryango wemewe ari ugizwe n'umugabo n'umugore bashakanye imbere y'amategeko n'imbere y'Imana. Ni ngombwa kandi kugaruka kenshi ku bubi bw'icyaha cy'ubusambanyi n'ingaruka zacyo mu gusenya umuryango.

### **4. Kaminuza Gatolika: Ishami rya Tewolojiya**

Nyiricyubahiro Antoine Kardinali Kambanda yafashe umwanya wo gusobanura umushinga w'ishami rya Tewolojiya, ryajya ritanga impamyabumenyi z'icyiciro cya kabiri cya Kaminuza, ariko ribarizwa muri Kaminuza Gatolika y'u Rwanda. Hari ibintu byinshi byagakozweho ubushakashatsi harimo n'amabonekerwa n'ubutumwa bwa Kibeho, kimwe n'ikenurabushyo ry'ubwiyunge n'isanamitima, iryo shami ryafashamo cyane. Abepiskopi bifuje ko uyu mushinga wakwigwa neza ntutangire vubavuba iby'ingenzi bidahari, ibindi bitarumvikanwaho. Iki cyifuzo nikijya mu bikorwa, bizagirira akamaro abapadiri barangije mu Nyakibanda kuko bajya bakomereza muri iryo shami bakabona impamyabumenyi zisumbuyeho. Abepiskopi bifuje ko igihe byazakunda hatangira amashami ya Bibiliya, Imigenzo Nyobokamana, Amahame ya Kiliziya n'Ikenurabushyo (Pastorale pratique).

### **5. Kwakira intumwa y'Intara y'ubutumwa ya Paris**

Abepiskopi bakiriye Mgr Pascal Ide, intumwa y'Abepiskopi ba Ile-de-France ishinzwe abanyeshuri b'Abapadiri bava hanze na Violaine Houin ushinzwe ubutumwa bw'abapadiri biga. Bari baje kuvugana n'Abepiskopi ibirebana n'Abapadiri b'Abanyarwanda bigayo, n'uburyo umubano wakomeza, ukarushaho gutera imbere.

### **6. Ikenurabushyo rusange: Imbogamizi n'ibisubizo**

Musenyeri Edouard Sinayobye, umwepiskopi wa Cyangugu, ukuriye Komisiyo y'Ikenurabushyo rusange, na Padiri Celse Hakuziyaremye, Umunyamabanga wa Komisiyo, bagejeje ku Bepiskopi bimwe mu bibazo n'akajagari biri mu ikenurabushyo rusange. Hari imiryango igenda ivuka ari myinshi, hari abavuga ko babonekerwa barimo n'abigeze kuvugwa mu mabonekerwa ya kera, hari abatemeranywa n'ibyo Kiliziya yemeje kuri Kibeho; hari kandi n'akajagari kari mu isengesho rikiza



abarwayi. Hari ibibera muri diyosezi zitandukanye biteye impungenge, bikaba bitanga ubutumwa buyobia abakirisitu. Abepisikopi basabye ko abakirisitu bajya bumva umurongo utangwa n'umwepisikopi muri diyosezi, bakirinda gukurikira inyigisho zije zose. Basanze hakwiye ubutumwa bwihariye bwajya butangwa, busabaabantu kudatwarwa n'ibishya bije byose. Basanga kandi ari byiza gukora ikenurabushyo ryegera abantu mu miryangoremezo no mu ngo (Pastorale de proximité). Bavuze ko hanarebwa uburyo mu masomo ya tewolojiya atangwa, hajyamo gahunda yigisha ibirebana n'amabonekerwa, ubuhanuzi n'ubutumwa bwo kwirukana roho mbi (exorcisme).

## 7. Inama ya Signis Africa

Umuyobozi wa *Signis Africa*, Padiri Walter Ihejirika, ukomoka mu gihugu cya Nigeria, aherekejwe na Sr Adelaide Ndilu uri mu nama ncungamutungo ya *Signis*, na Padiri Fidèle umunyamabanga wa Komisiyo y'itumanaho, baje kubwira Abepiskopi ko hari ikoraniro mpuzamahanga rya *Signis* (Congrès Mondial de *Signis* / *Signis* world congress) ritegurwa bakaba bifuza ko rizabera mu Rwanda kuko kandidatire yarwo yemewe. Babwiye Abepiskopi ko bifuza gutangira kuyitegura, bakareba ibyo izatwara mu masaranga, aho azaturuka, aho inama izabera, abazayitabira n'uburyo bazagera aho izabera, bakanabigeza ku nzego z'igihugu bazakorana, bakanareba uko ibizakorwa byamenyekanishwa. Insanganyamatsiko ya *Signis* mu mwaka 2026 izibanda ku "Itumanaho n'ikoranabuhanga mu guhuza abantu no gutuma bareshya kandi bamererwa neza mu mubano wabo n'ibidukikije". Inama yabo iteganyijwe kuba kuva ku ya 3 kugeza ku ya 8 Kanama 2026.

## 8. Imikoranire ya Kilizya Gatolika n'Ubuyobozi bwa Leta

Abepiskopi, mu nama yabo, kandi batumiye Minisitiri w'Ubutegetsi kugirango baganire ku kunoza imikoranire ya Kilizya Gatolika n'ubuyobozi bwa Leta. Ku itariki ya 19/12/2024 Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Umunyamabanga wa Leta muri iyo Minisiteri bahuye n'Abepisikopi, bagirana ibiganiro byiza. Ni muri ibyo biganiro, Perezida w'Inama, Karidinali Kambanda yabagejejeho bimwe mu byo abona byanozwa. Yababwiye uburyo ifungwa rya za kilizya nyinshi ku buryo bwihiuse byahungabanyije ibintu byinshi mu butumwa bwa Kilizya bikaba bisaba kubijyaho inama mu rwego rw'ubufatanye busanzweho hagati ya Leta na Kilizya. Yababwiye ko habayeho kubiganira mbere, ibyangombwa byashakwa bityo hagahutara bike. Umuyobozi w'Inama yanababwiye agaciro ko gusenga mu buzima bw'abantu muri rusange. Ku bijyanye n'ibyangombwa, aho byuzuye yabasabye ko babisuzuma, abakirisitu bakongera gusubira mu kilizya bagasengera hamwe kuko byubaka ubumwe bw'umuryango kandi bikubaka Igihugu.

Minisitiri yavuze ko gufunga kilizya na bo bitabashimishije ariko byakozwe mu rwego rwo guhwitura aho byari bikabije kumera nabi. Hari aho bishoboka ko byihuse, ibyo bizarebwa kugirango abujuje **ibyangombwa bafungurirwe**. Umunyamabanga wa Leta yavuze ko Kilizya Gatolika ari umufatanyabikorwa mwiza, ashimira ubufatanye. Yavuze ko hari insengero nyinshi zafunzwe mu madini yose, atari iza Kilizya Gatolika gusa. Hari ahabaye amarangamutima mu gufunga cyangwa mu kudafunga, niyo mpamvu bagiye kubiha umwanya uhagije bikarushaho gusuzumwa. Ubufatanye ni ngombwa kandi minisitiri yabwijeje Abepisikopi. Karidinali yashimye uko guhura asaba ko ubufatanye bwarushaho kujya mu bikorwa.

## **9. Gutegura inama ihuza Abepisikopi b'Afurika na Madagascar (SCEAM)**

Abepiskopi bize ibisabwa, banareba aho ubushobozi buzaturuka. Abepiskopi bashimiye ubuyobozi bukuru bw'Ighugu bwakiriye neza icyifuzo cy'Abepiskopi b'Afurika cyo gukorera inama mu Rwanda n'ubufatanye mu kuzayakira kugira ngo izagende neza, abashyitsi bagubwe neza, bibe n'ishema ku Gihugu kibakiriye. Abepiskopi biyemeje gukomeza kwegera abafatanyabikorwa kugira ngo babunganire mu gikorwa cyo kwakira iyo nama. Diyosezi na zo zakwitegura gutanga inkunga kugirango hatazaba icyuho mu kwakira abakaridinali, Abepiskopi, Abapadiri, Abiyeguriyimana, impuguke, bose hamwe bagera kuri 250 bazaba baturutse impande zose z'Afurika n'intumwa zo ku yindi migabane y'isi. Abepiskopi bifuje ko Komisiyo zashyizweho zatangira guhura kenshi.

## **10. Igihango mu by'Uburezi (Pacte éducatif)**

Abepiskopi baganiriye kuri gahunda y'uburezi ya Nyirubutungane Papa Fransisko (Pacte Educatif) basanga hakenewe ko hazaba indi nama, kugirango ibikorwa byayo birusheho gusobanuka. Hazabaho inama idasanzwe ku ya 9/1/2025.

## **11. Ibjijanye no kwagura ibikorwa bya Kibeho**

Abepiskopi baganiriye ku bijjanye no kubaka no kwagura ibikorwa by'Ingoro ya Kibeho. Bifuje ko bazakomeza kugirana ibiganiro hamwe n'abaterankunga na Bwana Eustace Mita ukora mu Kigega Gitera Inkunga lyogezabutumwa (Papal Foundation).

## **12. Igitabo kivuga ibagezweho na Kiliziya mu myaka 125**

Abepiskopi bateze amatwi Musenyeri Edouard, umwepisikopi wa Cyangugu ushinzwe Ikenurabushyo rusange mu Nama y'Abepiskopi, abagezaho icyifuzo cyatanzwe cyo kwandika igitabo gikubiyemo ibagezweho. Abepiskopi baracyemeje kandi bemeza urutonde rw'abazabikora.

## **13. Imikoranire n'Abiyeguriyimana**

Abepiskopi bahuye n'Abahagarariye Umuryango Uhuza Abiyeguriyimana (COSUMAR) mu mpera y'Inama rusange yabo. Umuyobozi wabo yagejeje ku Bepiskopi urugendo bakoze kugirango bagere ku kwemerwa n'ubuyobozi bwa Leta ndetse na Kiliziya mu Rwanda. Barizera ko na Kiliziya ku rwego rw'isi izemera uyu muryango uhuza Abiyeguriyimana. Barateganya kwagura ibikorwa byabo, bubaka amarerero abahuza (internoviciats) mu bice bitandukanye by'ighugu. Biteguye guhimbaza yubile y'umuhamagaro wo kwiyegurira Imana muri yubile y'impurirane izaba ku ya 2 Gashyantare 2025, i Kibeho. Bifuje kugezwaho imyanzuro ya Sinodi kugirango bayigire iyabo banayishyre mu bikorwa. Abepiskopi babasabye gufasha mu kunoza imikorere n'isuku mu mashuri no mu mavuriro. Babasabye kandi gukomeza ibikorwa byabo bihariye bakanakomeza ibikorwa byinjira mu Ikenurabushyo rya Diyosezi na Paruwasi.

## **14. Imyanzuro**

Mu gusoza imirimo y'Inteko rusange y'172, dore imwe mu myanzuro n'ibyemezo byayifatiwemo:

- 1) Abepiskopi basabye Abakristu bose guhimbaza uko bikwiye amasakaramentu cyane cyane **Misa Ntagatifu aho Nyagasani Yezu yongera kwitangaho Igitambo**, mu buryo budasesa **amaraso akatwihaho ifunguro ritagatifu ritunga roho zacu**

- 2) Abepiskopi barasaba bakomeje abatesha agaciro umurimo mutagatifu w'ubusaserdoti na misa babikina ku mbuga nkoranyambaga n'ahandi, kubihagarika. Baramenyesha kandi abakristu kutitiranya abiyita abapadiri ba "Eglise Catholique Traditionnelle Gallicane" n'abapadiri babo bwite basanzwe. Ntihazagire abayobywa n'abahoze ari abakristu gatolika babyitabiriye.
- 3) Abepiskopi basabye ko hazabaho amahugurwa kuri Sinodi, kugirango imyanzuro yayo irusheho gushyirwa mu bikorwa.
- 4) Abepiskopi bifuje ko kuri 31/01/2025 muri buri diyosezi hazaba Yubile y'Abihayimana b'Abamonaki badasohoka.
- 5) Abepiskopi bongeye gutsindagira ko gukuramo inda ku bushake ari icyaha gikomeye kuko ari ukwica ubuzima bw'inzirakarengane, bakaba basaba bakomeje ko bitemewe gukorwa mu mavuviro ya Kilizya Gatolika, kuko bibangamiye ibyo Kilizya yemera kandi yigisha.
- 6) Abepiskopi kandi bongeye gusaba ko ubuzima bw'umuntu butakorerwaho igeragezwa ry'ikoranabuhanga kuko ubuzima ari impano y'Imana ikwiye kubahwa. Urugo rugizwe n'umugabo n'umugore bashakanye ni yo nzira nyayo inyuramo urubyaro no kororoka kw'abantu.
- 7) Abepisikopi bongeye kwibutsa ko ubusambanyi n'inzira zose zibuganishaho ari icyaha. Imiti yo kuboneza urubyaro ku bana bato no ku batarashakanye ni inzira yoroheresa abifusa gushimisha umubiri n'abibwira ko ubusambanyi atari icyaha kandi no ku bashakanye iyo miti igira ingaruka kuko imunga umushyikirano wabo n'umubano wabo (Gatigisimu ya Kilizya Gatolika no. 2370).
- 8) Bamaze kumva ibibazo n'akajagari k'abavuga ko babonekerwa, Abepiskopi banzuye ko hazandikwa ibaruwa ya gishumba, iha umurongo ibyo byose biriho bivugwa ku mabonekerwa mashya n'abashamikiye kuri Kibeho. Abemejwe ko babonekewe i Kibeho, kugeza ubu ni batatu: Alufonsina MUMUREKE, Anataliya MUKAMAZIMPAKA na Marie Claire MUKANGANGO, nta bandi.
- 9) Abepisikopi bemeje ko Ibaruwa ifasha guhimbaza Yubile y'impurirane baheruka kwandika yatasomwa kugeza mu miryango remezo. Ku itariki ya 19/1/2025 hazasomwa igice cya mbere n'icya kabiri; ku itariki ya 26/1/2025 hazasomwa igice cya gatatu, naho ku itariki 9/2/2025 hazasomwa igice cya nyuma.
- 10) Abepisikopi bemeje ko hazandikwa igitabo cy'ibyo Kilizya yagezeho muri iyi myaka 125 ishize ivanjili igeze mu Rwanda, banemeza urutonde rw'abazafasha kucyandika.

Imirimo y'Inteko Rusange yasojoje n'isengesho, ku wa gatanu tariki ya 20 Ukuboza 2024, saa saba na makumyabiri n'itanu z'amanywa.

Bikorewe i Kigali, ku wa 20 Ukuboza 2024

**Padiri Védaste Kayisabe**

Umunyamabanga Mukuru

w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda

■ **Antoni Karidinali KAMBANDA**

Arikiyepiskopi wa Kigali akaba na Perezida  
w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda

